

ITEGEKO N°51/2010 RYO KUWA 10/01/2010 RISHYIRAHU IKIGO MPUZAMAHANGA CY'UBUKEMURAMPAKA CYA KIGALI RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE N'UBUBASHA BYACYO	LAW N°51/2010 OF 10/01/2010 ESTABLISHING THE KIGALI INTERNATIONAL ARBITRATION CENTRE AND DETERMINING ITS ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE	LOI N° 51/2010 DU 10/01/2010 PORTANT CREATION DU CENTRE INTERNATIONAL D'ARBITRAGE DE KIGALI ET DETERMINANT SON ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET SA COMPETENCE
---	--	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere : icyo iri tegeko rigamije

Article One : Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définitions de termes

UMUTWE WA II : ISHYIRWAHO RY'IKIGO

CHAPTER II : ESTABLISHMENT OF THE CENTRE

CHAPITRE II : CREATION DU CENTRE

Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'Ikigo

Article 3: Establishment of the Centre

Article 3 : Création du Centre

UMUTWE WA III : INSHINGANO N'UBUBASHA BY'IKIGO

CHAPTER III: ATTRIBUTIONS AND COMPETENCE OF THE CENTRE

CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS ET COMPETENCE DU CENTRE

Ingingo ya 4 : Inshingano z'Ikigo

Article 4: Attributions of the Centre

Article 4 : Attributions du Centre

Ingingo ya 5: Ububasha bw'Ikigo

Article 5: Competence of the Centre

Article 5: Compétence du Centre

UMUTWE WA IV : IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'IKIGO

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE CENTRE

CHAPITRE IV : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU CENTRE

<u>Ingingo ya 6:</u> Inzego z'Ubuyobozi z'Ikigo	<u>Article 6:</u> Management organs of the Centre	<u>Article 6 :</u> Organes de gestion du Centre
<u>Ingingo ya 7:</u> Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 7:</u> Board of Directors	<u>Article 7 :</u> Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 8:</u> Manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 8:</u> Term of office of members of the Board of Directors	<u>Article 8 :</u> Mandat des membres du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 9:</u> Impamvu zituma umuntu atemererwa kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 9:</u> Reasons for ineligibility as member of the Board of Directors	<u>Article 9 :</u> Motifs d'inéligibilité en tant que membre du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 10 :</u> Impamvu zituma uri mu Nama y'ubuyobozi avamo	<u>Article 10:</u> Reasons for leaving the membership of the Board of Directors	<u>Article 10 :</u> Motifs de cessation de la qualité de membre du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 11 :</u> Attributions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Ubunyamabanga Bukuru	<u>Article 12:</u> General Secretariat	<u>Article 12 :</u> Secrétariat Général
<u>Ingingo ya 13:</u> Izindi nzego zunganira inzego z'Ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Other supporting organs	<u>Article 13 :</u> Autres organes d'appui
<u>Ingingo ya 14:</u> Inteko y'Abakemurampaka	<u>Article 14:</u> Panel of Arbitrators	<u>Article 14 :</u> Collège des arbitres
<u>Ingingo ya 15:</u> Akanama Ngishwanama	<u>Article 15 :</u> Advisory Committee	<u>Article 15 :</u> Conseil Consultatif
<u>Ingingo ya 16 :</u> Ivanwaho n'iyegura ry'abagize Inteko y'Abakemurampaka n'Akanama Ngwishwanama	<u>Article 16:</u> Removal and resignation from office of members of the Panel of Arbitrators and the Advisory Committee	<u>Article 16 :</u> Révocation et démission des membres du Collège des arbitres et du Conseil Consultatif
<u>Ingingo ya 17 :</u> Uburyo bukoreshwa mu gukemura impaka	<u>Article 17:</u> Arbitration procedures	<u>Article 17 :</u> Procédures d'arbitrage

<u>UMUTWE WA V: UMUTUNGO W'IKIGO</u>	<u>CHAPTER V: PROPERTY OF THE CENTRE</u>	<u>CHAPITRE V : PATRIMOINE DU CENTRE</u>
<u>Ingingo ya 18:</u> Inkomoko y'umutungo w'Ikigo	<u>Article 18:</u> Sources of the property of the Centre	<u>Article 18 :</u> Sources du patrimoine du Centre
<u>Ingingo ya 19:</u> Igenzurwa ry'umutungo w'Ikigo	<u>Article 19:</u> Audit of the property of the Centre	<u>Article 19 :</u> Audit du patrimoine du Centre
<u>Ingingo ya 20:</u> Raporo y'umwaka	<u>Article 20:</u> Annual report	<u>Article 20 :</u> Rapport annuel
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 21:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	<u>Article 21:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 21 :</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 22:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 22:</u> Repealing provision	<u>Article 22 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 23:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 23:</u> Commencement	<u>Article 23:</u> Entrée en vigueur

ITEGEKO N°51/2010 RYO KUWA 10/01/2010 RISHYIRAHU IKIGO MPUZAMAHANGA CY'UBUKEMURAMPAKA CYA KIGALI RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE N'UBUBASHA BYACYO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 10 Ugushyingo 2010;

Sena mu nama yayo yo kuwa 19 Nyakanga 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108 n'iya 201;

LAW N°51/2010 OF 10/01/2010 ESTABLISHING THE KIGALI INTERNATIONAL ARBITRATION CENTRE AND DETERMINING ITS ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 10 November 2010;

The Senate, in its session of 19 July 2010;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 and 201;

LOI N° 51/2010 DU 10/01/2010 PORTANT CREATION DU CENTRE INTERNATIONAL D'ARBITRAGE DE KIGALI ET DETERMINANT SON ORGANISATION, FONCTIONEMENT ET SA COMPETENCE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 10 novembre 2010 ;

Le Sénat, en sa séance du 19 juillet 2010 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 et 201 ;

Ishingiye ku Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi;

YEMEJE:

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali. Rigena kandi imitunganyirize, imikorere n'ububasha byacyo.

Ingingo 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

«**Inama y'Ubuyobozi** »: Urwego rukuru rw'Ikigo rufata ibyemezo by'Ikigo;

«**Ikigo** » : Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali ;

«**Akanama** » : Akanama Ngishwanama k'Ubukemurampaka mu Kigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali;

Pursuant to Law n° 005/2008 of 14/02/2008 on arbitration and conciliation in commercial matters;

ADOPTS:

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

Article One : Purpose of this Law

This Law establishes the Kigali International Arbitration Centre. It determines also its organisation, functioning and competence.

Article 2: Definitions of terms

In this Law, the terms hereinafter listed shall have the following meanings:

«**Board of Directors** » : the supreme organ of the Centre entrusted in making decisions;

«**Centre**»: Kigali International Arbitration Centre ;

«**Committee**» : Advisory Committee of Kigali International Arbitration Centre;

Vu la Loi n° 005/2008 du 14/02/2008 relative à l'arbitrage et à la conciliation en matière commerciale ;

ADOpte:

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi porte création du Centre International d'Arbitrage de Kigali. Elle détermine aussi son organisation, fonctionnement et sa compétence.

Article 2 : Définitions de termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

«**Conseil d'Administration** » : organe suprême du Centre investi du pouvoir de décision ;

«**Centre** » : Centre International d'Arbitrage de Kigali ;

«**Conseil** » : Conseil Consultatif du Centre International d'Arbitrage de Kigali;

« **Umwaka w'ingengo y'imari** »: umwaka w'amezi 12 akurikiranye abarwa guhera ku wa mbere Nyakanga kugeza ku wa 30 Kamena ;

« **Umunyamabanga Mukuru** »: Umukozi Mukuru w'Ikigo.

UMUTWE WA II : ISHYIRWAHO RY'IKIGO

Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'Ikigo

Hashyizweho Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali, kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Ikigo gishobora gushyiraho andi mashami mu bindi bihugu.

Ikigo gifite ubuzima gatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu micungire y'imari n'abakozi.

UMUTWE WA III : INSHINGANO N'UBUBASHA BY'IKIGO

Ingingo ya 4 : Inshingano z'Ikigo

Ikigo gifite inshingano zikurikira :

- 1° gutanga uburyo bwo gukemura impaka hakoreshejwe ubukemurampaka n'ubundi buryo bwo gukemura impaka;

“**Financial year**” : a period of twelve consecutive months from 1st July to 30th June;

“**Secretary General**” : the chief manager of the Centre.

CHAPTER II : ESTABLISHMENT OF THE CENTRE

Article 3: Establishment of the Centre

There is hereby established the Kigali International Arbitration Centre located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. The Centre may have branches abroad.

The Centre shall have legal personality, financial and administrative autonomy.

CHAPTER III: ATTRIBUTIONS AND COMPETENCE OF THE CENTRE

Article 4: Attributions of the Centre

The Centre shall have the following attributions :

- 1° to provide a forum for the resolution of disputes through arbitration and other

« **Exercice financier** » : une période de douze mois consécutifs comptés à partir du 1^{er} juillet jusqu'au 30 juin;

« **Secrétaire Général** » : Responsable du Centre.

CHAPITRE II : CREATION DU CENTRE

Article 3 : Création du Centre

Il est créé un Centre International d'Arbitrage de Kigali, ayant son siège dans la ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Le Centre peut avoir des agences à l'étranger.

Le Centre est doté de la personnalité juridique et d'une autonomie financière et administrative.

CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS ET COMPETENCE DU CENTRE

Article 4 : Attributions du Centre

Le Centre a les attributions suivantes :

- 1° fournir un cadre pour la résolution des conflits à travers l'arbitrage et d'autres

Official Gazette n°09 bis of 28/02/2011

- | | | |
|---|---|---|
| 2° guteza imbere uburyo bwo gukemura impaka hakoreshejwe ubukemurampaka n'ubundi buryo bukoreshwa mu gukemura impaka ; | alternative dispute resolution;
2° to promote the resolution of disputes by arbitration and alternative dispute resolution; | moyens alternatifs de résolution des conflits ;
2° promouvoir la résolution des conflits à travers l'arbitrage et d'autres moyens alternatifs de résolution des conflits ; |
| 3° guteza imbere uburyo bwo kwigisha abantu hakoreshejwe itangazamakuru, gutanga amasomo, gutegura inama ziga ku bukemurampaka n'ubundi buryo bukoreshwa mu gukemura impaka ; | 3° to promote opportunities for educating the public through the media, delivering of lectures, holding of seminars on the subject of arbitration and alternative dispute resolution; | 3° promouvoir les mécanismes d'éduquer le public, à travers les media, dispenser des formations, organiser des séminaires en rapport avec l'arbitrage et d'autres moyens alternatifs de résolution des conflits ; |
| 4° gutangaza cyangwa gufasha gutangaza ibyemezo by'Ikigo, ibitabo n' inyandiko bijyanye n'ubukemurampaka n'ubundi buryo bukoreshwa mu gukemura impaka ; | 4° to publish or assist in the publication of proceedings of the Centre, of books, articles and papers on arbitration and alternative dispute resolution; | 4° publier ou donner assistance pour la publication des sentences du Centre, livres, articles et journaux sur l'arbitrage et autres moyens alternatifs de résolution des conflits; |
| 5° gutera inkunga inyigo n'ubushakashatsi bikorwa ku bukemurampaka n'ubundi buryo bukoreshwa mu gukemura impaka no gutanga inkunga ku bayisabye bayikwiriye ; | 5° to sponsor study and research in arbitration and alternative dispute resolution and provide fellowships, grants to deserving applications; | 5° financer les études et recherches portant sur l'arbitrage et autres moyens alternatifs de résolution de conflits et octroyer de l'aide aux demandeurs qui les méritent ; |
| 6° gufatanya no gukorana n'ibindi bigo cyangwa imiryango bifite intego zimwe ; | 6° to affiliate and co-operate with other centres, or organizations which have similar mission; | 6° s'associer et coopérer avec les autres centres ou organisations ayant la mission similaire ; |
| 7° kwemerera abanyamuryango gukora nk'abakemurampaka cyangwa abunzi mu gukemura impaka zo mu gihugu n'impaka mpuzamahanga; | 7° to provide accreditation for members of the Centre to act as arbitrators or mediators in resolving domestic and international disputes; | 7° admettre ses membres à avoir la qualité d'arbitre ou de médiateur dans la résolution des conflits tant nationaux qu'internationaux; |
| 8° guteza imbere igihugu mu karere no ku rwego mpuzamahanga nk'ahantu h'ihuriro | 8° to promote the country regionally and | 8° promouvoir le pays au niveau régional et |

Official Gazette n°09 bis of 28/02/2011

ry'ubukemurampaka mpuzamahanga ry'ubucuruzi ;	internationally as a centre for international commercial arbitration;	international en tant que centre de rayonnement international pour l'arbitrage commercial;
9° gutanga ibyangombwa n'ubufasha bikenewe mu gukemura impaka mu gihugu n'impaka mpuzamahanga ;	9° to provide facilities and assistance necessary for the conduct of domestic and international arbitration;	9° offrir les opportunités et assistance nécessaires pour la conduite de l'arbitrage national et international;
10° guteza imbere umuco w'ubukemurampaka mu rwego rw'ubucuruzi bwo mu gihugu;	10° to encourage domestic arbitration as a means of settling commercial and business disputes;	10° encourager la culture d'arbitrage au niveau national comme moyen de résolution des conflits commerciaux;
11° kugira inama Leta ku bijyanye n'ubukemurampaka;	11° to advise the government on matters related to arbitration;	11° conseiller le Gouvernement en matière d'arbitrage;
12° kubika ku gihe amakuru y'imvaho, yumvikana yerekeye ibyemezo byafashwe mu gukemura impaka kandi akabikwa ahantu hafite umutekano;	12° to maintain adequate, accurate and timely records of proceedings made in arbitration and to keep safely such records;	12° conserver dans un endroit sécurisé et à temps les informations adéquates, précises sur les sentences arbitrales;
13° gukora akandi kazi kose kajyanye n'inshingano z'Ikigo cyagena hagamijwe guteza imbere intego zacyo.	13° to perform such other function as the Centre may determine in furtherance of the Centre's mission.	13° exécuter toute autre tâche déterminée par le Centre dans le but de promouvoir sa mission.

Ingingo ya 5: Ububasha bw'Ikigo

Ikigo ni cyo cyonyine gifite ububasha bwo gukemura impaka zo mu rwego rw'ubucuruzi mu Rwanda n'ibijyanye nabwo bivugwa muri iri tegeko.

Article 5: Competence of the Centre

The Centre is the only competent agency for arbitration on matters related to trade in Rwanda and other matters related to it as stipulated in this Law.

Article 5: Compétence du Centre

Le Centre est le seul organe habilité à faire l'arbitrage dans le domaine du commerce au Rwanda et autres domaines connexes stipulés dans la présente loi.

**UMUTWE WA IV : IMITUNGANYIRIZE
N'IMIKORERE BY'IKIGO**

Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi z'Ikigo

Ikigo kigizwe n'inzego zikurikira:

- 1° Inama y'Ubuyobozi;
- 2° Ubunyamabanga Bukuru;
- 3° Inzego zunganira inzego z'ubuyobozi.

Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ni rwo rwego rukuru rw'Ikigo.

Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abantu barindwi (7):

- 1° abantu batandatu (6) bashyirwaho n'Ihuriro Nyarwanda ry'Abikorera;
- 2° umuntu umwe ushyirwaho na Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze.

Inama y'Ubuyobozi yitoramo Perezida n'umwungirije.

Abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari inyamgamugayo kandi bafite uburambe mu bijyanye n'ubukemurampaka bwo mu gihugu cyangwa mpuzamahanga, ubumenyi mu bwunzi, ubumenyi mu bucuruzi bwo mu gihugu cyangwa

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND
FUNCTIONING OF THE CENTER**

Article 6: Management organs of the Centre

The Centre shall comprise the following organs:

- 1° The Board of Directors;
- 2° The General Secretariat;
- 3° The supporting organs.

Article 7: Board of Directors

The Board of Directors is the supreme body of the Centre.

The Board of Directors is made of seven (7) members:

- 1° six (6) members appointed by the Rwanda Private Sector Federation;
- 2° one (1) member appointed by the Minister in charge of Justice.

The Board of Directors shall choose among its members a Chairperson and a Deputy Chairperson.

Members of the Board of Directors shall be persons of high integrity and demonstrated experience in matters relating to international or domestic arbitration, conciliation and settlements

**CHAPITRE IV : ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DU CENTRE**

Article 6 : Organes de gestion du Centre

Le Centre comprend les organes suivants :

- 1° Le Conseil d'Administration ;
- 2° Le Secrétariat Général ;
- 3° Les Organes d'appui

Article 7 : Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration est l'organe suprême du Centre.

Le Conseil d'Administration est composé de sept (7) membres :

- 1° six (6) membres nommés par la Fédération Rwandaise du Secteur Privé ;
- 2° un (1) membre nommé par le Ministre ayant la Justice dans ses attributions.

Le Conseil d'Administration choisit en son sein un Président et un Vice-Président.

Les membres du Conseil d'Administration sont des personnes de grande intégrité qui font preuve d'expérience en matière d'arbitrage international ou national, de

mpuzamahanga, ubumenyi mu byerekeranye n'inganda, ishoramari n'amasosiyete y'ubucuruzi.

Ingingo ya 8: Manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi

Abagize inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka itandatu (6) ishobora kongerwa rimwe gusa.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Urugaga Nyarwanda rw'Abikorera rushobora guhagarika igihe bibaye ngombwa manda y'ugize Inama y'Ubuyobozi, iyo rubona ko uwo muntu atagikwiriye gukomeza imirimo cyangwa atagishoboye gukora imirimo ye nk'ugize Inama y'Ubuyobozi.

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bahabwa amafaranga agenwa n'Urugaga Nyarwanda rw'Abikorera.

Ingingo ya 9: Impamvu zituma umuntu atemererwa kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Umuntu ntiyemerewe kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi iyo :

1° urukiko rwemeje ko yagize igihombo

of disputes, national or international trade, industry, investment and corporate legal affairs.

Article 8: Term of office of members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors shall hold office for a period of six (6) years renewable once.

Without prejudice to Paragraph One of this Article, the Private Sector Federation of Rwanda may, if necessary, terminate the term of office of a member of the Board of Directors if in its opinion, such member is not fit to continue in office or has become incapable of performing his/her duties as a member of the Board of Directors.

Members of the Board of Directors present in its meetings shall be entitled to sitting allowances as the Private Sector Federation of Rwanda may determine.

Article 9: Reasons for ineligibility as member of the Board of Directors

A person shall be ineligible for appointment to be a member of the Board of Directors if:

conciliation et de résolution des conflits, de commerce national ou international, d'industrie, d'investissement et des sociétés commerciales.

Article 8 : Mandat des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration ont un mandat de six ans (6) renouvelable une seule fois.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, la Fédération Rwandaise du Secteur Privé peut, en cas de nécessité, mettre fin au mandat d'un membre du Conseil d'Administration, s'il estime que le membre ne convient plus ou s'il est devenu incapable de remplir ses fonctions en tant que membre du Conseil d'Administration.

Les membres du Conseil d'Administration ayant participé en ses réunions bénéficient des jetons de présence fixés par la Fédération Rwandaise du Secteur Privé.

Article 9 : Motifs d'inéligibilité en tant que membre du Conseil d'Administration

Une personne n'est pas éligible à la qualité de membre du Conseil d'Administration si :

Official Gazette n°09 bis of 28/02/2011

- | | | |
|--|---|--|
| hakurikijwe itegeko ry'igihugu icyo ari cyo cyose; | 1° he/she been declared bankrupt under the law of any country; | 1° elle a été déclarée faillie en vertu de la législation de n'importe quel pays; |
| 2° yahamwe n'icyaha cya jenocide cyangwa ingengabitekerezo yayo; | 2° he/she been convicted of the crime of genocide or genocide ideology; | 2° elle a été reconnue coupable du crime de génocide ou d'idéologie du génocide ; |
| 3° yahamwe n'icyaha gihungabanya ubwizerwe bw'igihugu nk'uko biteganywa mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.. | 3° he/she been convicted of a crime affecting public faith as provided for by the rwandan penal code; | 3° elle a été reconnue coupable d'une infraction portant atteinte à la foi publique, tel que prévu par le code pénal rwandais; |
| 4° bigaragaye ko afite inyungu z'amafaranga cyangwa izindi izo arizo zose mu kigo runaka ku buryo bishobora gutuma atuzuzwa neza inshingano ze nk'ugize Inama y'Ubuyobozi. | 4° it is noticed that he/she has financial interest or any other type of interest in a given agency, which is likely to affect the smooth discharge of his/her functions as a member of the Board of Directors. | 4° il est constaté qu'elle a un intérêt pécuniaire ou tout autre intérêt dans une entreprise quelconque susceptible de compromettre le bon exercice de ses fonctions en tant que membre du Conseil d'Administration. |

Ingingo ya 10 : Impamvu zituma uri mu Nama y'ubuyobozi avamo

Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo :

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe byemejwe na muganga wemewe na Leta;
- 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo

Article 10 : Reasons for leaving the membership of the Board of Directors

A member of the Board of Directors shall leave such an office if:

- 1° his/her term of office expires;
- 2° he/she resigns by written notification;
- 3° he /she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability approved by an authorized medical doctor;

Article 10 : Motifs de cessation de la qualité de membre du Conseil d'Administration

Un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre dans les cas suivants :

- 1° expiration du mandat ;
- 2° démission par notification écrite ;
- 3° incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé ;

Official Gazette n°09 bis of 28/02/2011

kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) nta subikagihano;	4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension;	4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à (6) mois sans sursis;
5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;	5° he / she is absent in meetings for three (3) consecutive times in a year with no justified reasons;	5° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions sans raisons valables ;
6° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashwirwa mu Nama y'Ubuyobozi;	6° it is evident that he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/ her appointment on the Board of Directors;	6° constat qu'il ne remplit plus les conditions requises en vertu desquelles il avait été nommé ;
7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'ishingano ze;	7° he / she demonstrates behavior which is incompatible with his/her responsibilities;	7° comportement incompatible avec ses fonctions ;
8° abangamira inyungu z'Ikigo;	8° he / she jeopardizes the interests of the Centre;	8° agissement contre les intérêts du Centre;
9° yireze akemera icyaha cya jenocide;	9° he/she confesses and pleads guilty to the crime of genocide;	9° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide ;
10° agaragayeho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya jenocide;	10° he/she is characterized by genocide ideology;	10° faire montre d'indices d'idéologie du génocide ;
11° apfuye.	11° he/ she dies.	11° décès.
Ishwirwaho ryose ry'ugize Inama y'Ubuyobozi uwo ari we wese n'ikurwaho rye cyangwa iyegura rye bigomba gutangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubilika y'u Rwanda.	Every appointment of any person as a member of the Board of Directors and any termination of office or resignation of a member shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Toute nomination du membre du Conseil d'Administration et toute révocation ou démission du membre doit être publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Ingingo ya 11: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira:

- 1° gukora nk'urwego rukuru rw'Ikigo, rushinzwe ibikorwa byose n'imirimo y'Ikigo;
- 2° gushyiraho amategeko ngengamikorere y'Ikigo;
- 3° kugeza kuri Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze ibitekerezo byashyirwa mu mateka ateganya :
 - a. imiterere n'imikorere y'ubukemurampaka;
 - b. ibyo abakemurampaka basabwa kuba bujuje;
 - c. uburyo n'ibisabwa mu kwandikisha inyandiko iyo ari yo yose nk'uko biteganywa n'iri tegeko, harimo n'amafaranga yishyurwa;
 - d. uburyo amafaranga y'ubukemurampaka abarwa;
 - e. imirongo migari igenderwaho n'ingero mu kwandika ingingo z'ubukemurampaka

Article 11: Responsibilities of the Board of Directors

The Board of Directors shall have the following responsibilities:

- 1° to act as the supreme organ of the Centre, responsible for all the operations and activities of the Centre;
- 2° to approve the internal rules and regulations of the Centre;
- 3° to provide to the Minister in charge of trade ideas which may be incorporated in ministerial orders on:
 - a. organisation and functioning of the arbitration;
 - b. requirements for arbitrators;
 - c. procedure and requirements for registration of any document under this Law, including the fees payable;
 - d. procedure to calculate arbitration fees;
 - e. guidelines and optional models or

Article 11: Attributions du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration a les attributions suivantes :

- 1° agir en tant qu'organe suprême du Centre, responsable de toutes les opérations et activités du Centre ;
- 2° adopter le règlement d'ordre intérieur du Centre;
- 3° donner au Ministre ayant le commerce dans ses attributions des avis devant être considérés dans les arrêtés ministériels sur:
 - a. organisation et fonctionnement de l'arbitrage;
 - b. Conditions pour être arbitre ;
 - c. la manière et les conditions d'enregistrement de tout document prévu par la présente loi, y compris les frais à payer;
 - d. la manière de calculer les frais d'arbitrage;
 - e. les directives et modèles facultatifs ou

Official Gazette n°09 bis of 28/02/2011

n'iz'amasezerano;	specimens for the drawing up of arbitration clauses and agreements;	spécimens pour la rédaction des clauses arbitrales et accords ;
4° gushyiraho abagize Inteko y'Abakemurampaka n'abagize Akanama Ngishwanama;	4° to appoint members of the arbitration council and members of the advisory council;	4° nommer les membres du comité d'arbitrage et du comité consultatif ;
5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imirongo ngenderwaho rusange n'iyihariye iteganyijwe;	5° to follow up the implementation of the general and specific policy guidelines set out;	5° assurer le suivi de la réalisation et l'exécution des directives de la politique générale et spécifique adoptée ;
6° gucunga imirimo yerekeranye n'ubuyobozi n'imari by'Ikigo;	6° to manage the administrative and financial affairs of the Centre;	6° gérer les affaires administratives et financières du Centre ;
7° kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'Ikigo;	7° to approve the action plan and the budget of the Centre;	7° approuver le plan d'action et le budget du Centre;
8° gushyiraho abakozi b'Ubunyamabanga Bukuru;	8° to appoint the staff of the General Secretariat;	8° nommer le personnel du Secrétariat Général ;
9° guhagararira Ikigo mu bindi byose bitari ibibazo bijyanye n'amategeko;	9° to represent the Centre in all issues other than legal matters;	9° représenter le Centre dans toutes les affaires autres que juridiques ;
10° gufata ibyemezo byose bya ngombwa byatuma intego z'Ikigo zigerwaho.	10° to take all necessary decisions conducive to the fulfilment of the objectives of the Centre.	10° prendre toutes les décisions appropriées en vue de la réalisation des objectifs du Centre.

Ingingo ya 12: Ubunyamabanga Bukuru

Ubunyamabanga Bukuru bw'Ikigo bugizwe n'Umunyamabanga Mukuru n'abandi bakozi bateganywa n'Inama y'Ubuyobozi.

Umunyamabanga Mukuru n'abakozi

Article 12: General Secretariat

The General Secretariat of the Centre shall be composed of the Secretary General and such other staff as the Board of Directors may determine.

Article 12 : Secrétariat Général

Le Secrétariat général du Centre est composé du Secrétaire Général et d'autres agents déterminés par le Conseil d'Administration.

Official Gazette n°09 bis of 28/02/2011

b'Ubunyamabanga Bukuru bashyirwaho hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko ngengamikorere y'Ikigo.

Umunyamabanga Mukuru niwe Mukozi Mukuru w'Ikigo. Ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° kuba Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi;
- 2° kuba umukuru w'ingengo y'imari y'Ikigo;
- 3° kubika inyandiko z'Ikigo;
- 4° guhagararira Ikigo mu bijyanye n'amategeko;
- 5° gutegura gahunda y'ibikorwa n'umushinga w'ingengo y'imari y'Ikigo;
- 6° gukora indi mirimo ijyanye n'inshingano z'Ikigo mu gihe bisabwe n'Inama y'Ubuyobozi.

Umunyamabanga Mukuru ajya mu nama zose z'Ikigo n'iz'Inama y'Ubuyobozi, ariko ntafite uburenganzira bwo gutora;

Umunyamabanga Mukuru ashobora guha uburenganzira abandi bakozi bwo gukora imirimo ye imwe n'imwe, bimaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi;

The Secretary General and the staff of the General Secretariat shall be appointed on such terms and conditions provided for by the internal rules and regulations of the Centre.

The Secretary General shall be the Chief manager of the Centre. He/she shall have the following responsibilities:

- 1° to be the Rapporteur of the Board of Directors;
- 2° to be the Chief budget manager of the Centre;
- 3° to keep the records of the Centre;
- 4° to represent the Centre in legal matters;
- 5° to prepare the action plan and the draft budget of the Centre;
- 6° to perform such other duties as may be assigned to him/her by the Board of Directors and which is within the mission of the Centre.

The Secretary General shall attend all the meetings of the Centre and the Board of Directors but with no right to vote.

The Secretary General may delegate some of his/her duties to other staff of the Secretariat, subject to approval of the Board of Directors.

Le Secrétaire Général et le personnel du Secrétariat sont nommés conformément au règlement d'ordre intérieur du Centre.

Le Secrétaire Général est le chef responsable du Centre. Il est chargé de :

- 1° être le Rapporteur du Conseil d'Administration ;
- 2° être le gestionnaire principal du budget du Centre ;
- 3° garder les archives du Centre ;
- 4° représenter le Centre dans les affaires juridiques;
- 5° préparer le plan d'action et le projet de budget du Centre ;
- 6° s'acquitter de toute autre tâche que peut lui confier le Conseil d'Administration et qui rentre dans la mission du Centre.

Le Secrétaire Général participe à toutes les réunions du Centre et du Conseil d'Administration, mais sans voix délibérative.

Le Secrétaire Général peut déléguer certaines de ses fonctions aux autres agents du Secrétariat, sur approbation du Conseil d'Administration.

Ingingo ya 13: Izindi nzego zunganira inzego z'Ubuyobozi

Inzego zunganira Inzego z'Ubuyobozi ni izi zikurikira:

- 1° Inteko y'Abakemurampaka;
- 2° Akanama Ngishwanama.

Ingingo ya 14: Inteko y'Abakemurampaka

Inama y'Ubuyobozi ishobora rimwe na rimwe gushyiraho Inteko y'Abakemurampaka bashinzwe gukurikirana impaka zo mu gihugu n'izindi nteko zikurikirana impaka zo hanze y'igihugu. Umuntu umwe ashobora kujya mu nteko nyinshi.

Inteko irebana n'impaka zo mu gihugu ishobora gushyirwaho kugira ngo ikurikirane ibijyanye n'ubucuruzi, ubwishingizi, amasezerano y'ubutegetsi hagati y'inzego za Leta n'abikorera yerekeranye n'ubucuruzi n'imari, impanuka zo mu muhanda, ubwubatsi n'ibindi byose. Ikigo gishobora kubona ari ngombwa.

Inteko irebana n'impaka mpuzamahanga ishobora gushyirwaho kugira ngo ikurikirane ibijyanye n'ubucuruzi mpuzamahanga, ubwishingizi mpuzamahanga, ishoramari n'ubwubatsi byo mu rwego mpuzamahanga, amasezerano y'ubutegetsi

Article 13: Other supporting organs

Supporting organs to the management shall be:

- 1° the Committee of Arbitrators;
- 2° the Advisory Council.

Article 14: Committee of Arbitrators

The Board of Directors may from time to time set up committees of arbitrators for domestic arbitration and committees of arbitrators for international arbitration. A person may be included in more than one committee.

Domestic committee of arbitrators may be appointed on matters relating to commerce, insurance, administrative contracts on commerce and finance entered into between public institutions and the private sector operators, road traffic accidents, constructions and such other fields as the Centre may deem expedient.

International committee of arbitrators may be appointed on matters relating to international trade, international insurance, international investment and construction, administrative contracts on

Article 13 : Autres organes d'appui

Les organes d'appui à l'administration sont:

- 1° le Collège des arbitres;
- 2° le Conseil consultatif.

Article 14 : Collège des arbitres

Le Conseil d'Administration peut, de temps en temps, constituer un collège des arbitres qui s'occupent des affaires internes d'arbitrage et un autre qui s'occupent des affaires internationales. Une personne peut prendre part à plus d'un collège.

Le collège des arbitres local, peut être désigné pour les affaires relatives au commerce, assurance, aux contrats administratifs à caractère financier et commercial passés entre les institutions publiques et opérateurs du secteur privé, accidents de la circulation routière, construction et autres domaines jugés nécessaires par le Centre.

Le collège des arbitres international, peut être désigné pour les affaires relatives au commerce international, à l'assurance internationale, à l'investissement et constructions internationaux,

hagati y'inzego za Leta n'abikorera yerekeranye n'ubucuruzi n'imari mpuzamahanga n'ibindi bibazo Ikigo gishobora kubona ari ngombwa.

Inteko zishyirwaho hashingiwe kuri iyi ngingo zigomba kuba zigizwe n'abakemurampaka Ikigo kibona ko bafite ubuhanga bwo gukora imirimo y'abakemurampaka mu bintu bisaba ubuzobere bwihariye.

Ingingo ya 15: Akanama Ngishwanama

Inama y'Ubuyobozi ishyiraho Akanama Ngishwanama mpuzamahanga mu by'ubukemurampaka. Ako Kanama gafite inshingano zo kugira inama Ikigo mu bijyanye n'ubukemurampaka, mu bucuruzi mpuzamahanga no kugira inama Ikigo mu guhitamo abantu bafite ubushobozi bwo gukora imirimo y'ubukemurampaka mu bucuruzi mpuzamahanga.

Ingingo ya 16 : Ivanwaho n'iyegura ry'abagize Inteko y'Abakemurampaka n'Akanama Ngwishwanama

Inama y'Ubuyobozi ishobora gukura umuntu uwo ari we wese mu Nteko y'Abakemurampaka cyangwa mu Kanama Ngishwanama mu gihe icyo ari cyo cyose ibona ko ari ngombwa. Umuntu kandi ashobora igihe icyo ari cyo cyose kwegura,

international commerce and finance entered into between public institutions and the private sector operators and such other fields as the Centre may deem expedient.

The committees set up under this Article shall be composed of persons who, in the opinion of the Centre, are qualified to carry out duties and functions of arbitrators in a particular field of expertise.

Article 15 : Advisory Committee

The Board of Directors shall establish an International Arbitral Advisory Committee responsible for advising the Centre on any matter relating to international commercial arbitration and advise the Centre on the selection of persons competent to carry out the duties of arbitrators in international commercial arbitrations.

Article 16: Removal and resignation from office of members of the Committee of Arbitrators and the Advisory Committee

The Centre may at any time, if it deems it necessary, remove any person from the Committee of Arbitrators or the Advisory Committee. Any

aux contrats administratifs internationaux à caractère financier et commercial passés entre les institutions publiques et les opérateurs du secteur privé et d'autres domaines jugés nécessaires par le Centre.

Les collèges constitués conformément au présent article sont composés de personnes qui, selon le Centre, sont qualifiées pour accomplir les devoirs et fonctions des arbitres dans un domaine d'expertise particulière.

Article 15 : Conseil Consultatif

Le Conseil d'Administration met en place un Conseil Consultatif d'Arbitrage International chargé de donner des conseils au Centre sur toute affaire relative à l'arbitrage du commerce international, et de conseiller le Centre dans la sélection des personnes compétentes pour assumer les fonctions d'arbitre en matière de commerce international.

Article 16: Révocation et démission des membres du Collège des arbitres et du Conseil Consultatif

Le Centre peut à tout moment, s'il le juge nécessaire, démettre toute personne de ses fonctions de membre du Collège des arbitres ou du Conseil Consultatif. Un membre peut aussi

akoresheje inyandiko yandikirwa Umunyamabanga Mukuru.

Ivanwaho cyangwa iyegura ry'umuntu hakurikijwe igika cya mbere cy'iyi ngingo, ntibivuze ko uwo muntu avya mu rubanza rw'ubukemurampaka aba yarashyizwemo mbere y'uko akurwaho cyangwa yegura.

Ingingo ya 17 :Uburyo bukoreshwa mu gukemura impaka

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko kandi byemejwe n'abaturanyi ndetse hanakurikijwe amabwiriza yashyizweho n'Ikigo, Ikigo gishobora gukoresha ubwunzi cyangwa ubundi buryo bwo gukemura impaka igihe icyo ari cyo cyose mbere cyangwa mu gihe cyo gukemura impaka, hagamijwe guteza imbere uburyo bwo gukemura impaka.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO W'IKIGO

Ingingo ya 18: Inkomoko y'umutungo w'Ikigo

Umutungo w'Ikigo ugizwe :

- 1° imisanzu ivuye mu bafatanyabikorwa bo mu karere n'abo ku rwego mpuzamahanga;

member at any time may also resign by tendering his/her resignation letter to the Secretary General.

The removal or resignation of a person in accordance with Paragraph One of this Article shall not be deemed to include the removal or resignation of that person from any arbitral proceedings in which he/she may have been appointed prior to his/her removal or resignation.

Article 17: Arbitration procedures

The Centre may, without prejudice the provisions of this Law, with the agreement of parties and in accordance with rules made by the Centre, employ mediation, conciliation or other alternative dispute resolution at any time before or during the arbitration proceedings for the purposes of encouraging settlement of disputes.

CHAPTER V: PROPERTY OF THE CENTRE

Article 18: Sources of the property of the Centre

The property of the Centre shall include:

- 1° contributions from regional and international stakeholders;

démisionner à tout moment en présentant sa lettre écrite de démission au Secrétaire Général.

La révocation ou la démission d'une personne conformément à l'alinéa premier du présent article ne l'empêche pas de prendre part aux procès d'arbitrage auxquels elle aurait été nommée avant sa révocation ou sa démission.

Article 17 : Procédures d'arbitrage

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, le Centre peut, avec l'accord des parties, et en vertu de règlements émis par le Centre, faire recours à la médiation, la conciliation ou autre moyens alternatifs de résolution des conflits à tout moment avant ou pendant la procédure d'arbitrage dans le but d'encourager le règlement de différends.

CHAPITRE V : PATRIMOINE DU CENTRE

Article 18 : Sources du patrimoine du Centre

Le patrimoine du Centre comprend :

- 1° les contributions des partenaires régionaux et internationaux;

Official Gazette n°09 bis of 28/02/2011

2° amafaranga atangwa n'abagana Ikigo;

3° impano n'inkunga by'abaterankunga;

4° inkunga ishobora gutangwa na Leta bibaye ngombwa;

5° ahandi hose umutungo ushobora guturuka mu buryo bwemewe n'amategeko.

2° fees and charges from users of the services of the Centre;

3° donation and grants from donors;

4° grants from government if necessary;

5° any other lawful source of funding.

2° les frais payés par les bénéficiaires des prestations du Centre ;

3° les dons et subventions des donateurs ;

4° les subventions de l'Etat, le cas échéant;

5° toute autre source de financement licite.

Imari n'umutungo by'Ikigo bikoreshwa hagamijwe guteza imbere inshingano zacyo.

The funds and property of the Centre shall be used for the promotion of its mission.

Les finances et le patrimoine du Centre sont utilisés dans la promotion de sa mission.

Ingingo ya 19: Igenzurwa ry'umutungo w'Ikigo

Ikigo kibika neza ibitabo by'icungamutungo n'inyandiko zikoreshwa mu kwishyura kandi kigomba kumenya ko amafaranga yishyuwe yageze kuri konti ndetse ko amafaranga yose kigomba kwishyura yishyuwe neza kandi byemejwe mu buryo nyabwo.

Article 19: Audit of the property of the Centre

The Centre shall properly keep books of accounts and records of its transactions and ensure that the money received is properly brought to account and that all payments out of its money are correctly made and properly authorized.

Article 19 : Audit du patrimoine du Centre

Le Centre doit bien garder les livres comptables et les pièces de ses transactions, et doit s'assurer que l'argent reçu est versé au compte et que tous les paiements sont faits et autorisés correctement.

Icungamutungo ry'Ikigo ry'umwaka rikorerwa ubugenzuzi n'umugenzuzi w'imari ushyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi.

The annual accounts of the Centre shall be audited by an auditor appointed by the Board of Directors.

L'audit des comptes annuels du Centre est effectué par un auditeur désigné par le Conseil d'Administration.

Inama y'Ubuyobozi ishyikiriza umugenzuzi raporo y'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ikigo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) nyuma y'umwaka w'ingengo y'imari kugira ngo ayikorere igenzura.

The Board of Directors shall, within three (3) months after the end of each financial year, submit the financial and property management report of the Centre to the auditor for auditing purposes.

Le Conseil d'Administration soumet, dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois après la clôture de chaque année financière, le rapport financier et de gestion du patrimoine du Centre à

Nyuma yo gushyikirizwa raporo y'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ikigo nk'uko biteganyijwe mu gika cya gatatu (3) cy'iyi ngingo, umugenzuzi wayishyikirijwe agomba mu gihe cy'amezi atatu (3) gukora ibi bikurikira:

1° gukora igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ikigo;

2° gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi n'Umunyamabanga Mukuru raporo y'ubugenzuzi ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ikigo.

Ingingo ya 20: Raporo y'umwaka

Mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) nyuma ya buri mwaka w'ingingo y'imari, Umunyamabanga Mukuru ategura raporo y'umwaka ijyanye n'uwo mwaka w'ingingo y'imari. Raporo iba igizwe n'ibi bikurikirira:

- 1° raporo y'igenzura ry'imikoreshereze y'imari n'umutungo;
- 2° raporo ku bikorwa by'Ikigo;
- 3° andi makuru yose Inama y'Ubuyobozi ishobora kubona ari ngombwa.

Raporo y'umwaka ishyikirizwa Inama y'Ubuyobozi.

The auditor to whom the financial and property management report of the Centre is submitted in accordance with the provisions of Paragraph 3 of this Article shall, within three (3) months of submission of the report, do the following:

- 1° to audit finance and property of the Centre;
- 2° to transmit to the Board of Directors and the Secretary General the finance and property audit report of the Centre.

Article 20: Annual report

The Secretary General shall, no later than six (6) months after the end of each financial year, prepare an annual report in respect of that financial year. Such report shall include the following:

- 1° the audited statement of finance and property;
- 2° activity report of the Centre;
- 3° any other information the Board of Directors may deem appropriate.

The annual report shall be submitted to the Board of Directors.

l'auditeur pour les auditer.

L'auditeur auquel le rapport financier et de gestion du patrimoine du Centre est soumis conformément aux dispositions de l'alinéa 3 du présent article doit, dans un délai de trois (3) mois, faire ce qui suit:

- 1° procéder à l'audit des finances et du patrimoine du Centre ;
- 2° soumettre au Conseil d'Administration et au Secrétaire Général le rapport d'audit des finances et du patrimoine du Centre.

Article 20 : Rapport Annuel

Le Secrétaire Général doit, dans un délai ne dépassant pas six (6) mois après la clôture de chaque exercice financier, préparer un rapport annuel correspondant à cet exercice financier. Ce rapport doit comprendre ce qui suit:

- 1° les états financiers et du patrimoine audités;
- 2° le rapport d'activités du Centre ;
- 3° toute autre information jugée nécessaire par le Conseil d'Administration.

Le rapport annuel doit être soumis au Conseil d'Administration.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE
N'IZISOZA**

**Ingingo ya 21: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa
ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 22: Ivanwaho ry'ingingo
z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije n'ariyo zivanyweho.

**Ingingo ya 23: Igihe iri tegeko ritangira
gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 10/01/2010

(sé)
KAGAME Paul

**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND
FINAL PROVISIONS**

**Article 21: Drafting, consideration and
adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 22: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 23: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 10/01/2010

(sé)
KAGAME Paul

**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES
ET FINALES**

**Article 21 : Initiation, examen et adoption de la
présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 22 : Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 23: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 10/01/2010

(sé)
KAGAME Paul

Official Gazette n°09 bis of 28/02/2011

Perezida wa Repubulika

President of the Republic

Président de la République

(sé)

(sé)

(sé)

MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

MAKUZA Bernard
Prime Minister

MAKUZA Bernard
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

(sé)

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux